

## **GAHUNDA YO GUTUZWA (RESETTLEMENT) Y'IMPUNZI KURI HIAS -KENYA.**

### **ninde wemerewe?**

- usaba agomba kuba yemerwa na UNHCR na leta ya (kenya) nk'impunzi, kandi hasuzumwe ibyifuzo byibisubizo birambye, hanyuma resettlement igaragare kwaricyo gisubizo kiboneye .
- agomba kuba ataratoranyijwe na UNHCR cyangwa undi muryango uwo ariwo wose utabara imbabare muri gahunda za resettlement.
- Agomba kuba yujuje ibisabwa byose bigenderwaho kugira uhabwe resettlement.

### **Intambwe 1) inzira yo kohereza**

HIAS igomba kwakira ubutumwa busaba bwatanzwe numufatanyabikorwa wo hanze/ ONG kugirango yakirwe mubikorwa bya resettlement kuri hias.

### **Intabwe 2) uburyo bwo gusuzuma**

ibi bikubiyemo gahunda yo kugenzura amakuru hamwe na UNHCR / ishami rya serivisi zimpunzi kugirango hemezwe ubuzima gatozi bwabasaba kandi hagenzurwe ko abasaba batarimo gukorerwa resettlement hamwe nindi mishinga itegamiye kuri leta ONG.

### **Intambwe ya 3)inteko ya hias igenzura ama case**

itsinda rinzobere rya HIAS zatoranijwe muri porogaramu zose za HIAS zisubiramo case zoherejwe hanyuma ikemeza nyuma yo kunyura mugikorwa cyo gusuzuma

### **Intambwe ya 4)interview ya mbere yokwakira case ya resettlement**

iki nicyo kiganiro cyangwe se interview yambere, gikubiyemo gukusanya imyirondoro yabasaba, ibisobanuro birambuye kumiterere yumuryango, kugenzura hamwe nishami rishinzwe serivisi zimpunzi DRC yatanze ibyangombwa hagatangwa ibisobanuro birambuye byabasabye bigezweho bigatangwa kuri sisitemu yo kugenzura ama case.

**Funded by:**



**Welcome the stranger.  
Protect the refugee.**

## **Intambwe ya 5)interview (ibazwa)ya reseterementi nyirizina.**

iki nicyicro cya kabiri cyo kubaza.umukozi ushinzwe ibibazo abaza umuyobozi mukuru wabasabye hamwe nabagize case bari hejuru yimyaka 18 kugirango bamenye niba bujuje ibisabwa kuri gahunda yo gutuzwa .

## **intambwe ya 6) isuzuma**

umukozi ushinzwe gukoresha interview ategura raporo ishingiyeye kuri interview ya resettlement yakozwe kugirango ashyikirize inzobere muri resettlement (gutuza) n'abasesengura.

## **Intambwe ya 7)gusubiramo case(kugenzura)**

HIAS KENYA abasesenguzi b'imbere bagenzura raporo yakozwe bareba agaciro muburemere bwi bibazo bituma ahabwa resettlement.

## **Intambwe ya 8) guhuriza hamwe ku cyicaro gikuru**

raporo y'isuzuma yoherezwa ku cyicaro gikuru cya HIAS kugira ngo harusheho gusuzumwa no kumenya niba case ikwiye resettlement (gutuzwa).

## **Intambwe ya 9) kwohereza**

niba case ibonetse ko ikwiye resettlement, Hias kenya ishyikiriza case ambassade bireba.

Funded by:

